# 237: Tur' abami bayobotse

1.
Tur' abami bayobotse, Tuje ngo turabukire Uyu Mwam' usumba byose, Dukurikiy' inyenyeri.

Ref:
Ye... we. . Wa nyenyeri nziza we, Komez' utuyobore, Tujy' imbere; gumy' ugende, Tuger' ahw Umwami' ari!

2.
Nje gutur' Umwami Yesu, Nzany' izi zahabu nziza. Ni We nyir'isi n'ijuru, N' Umwami w'abami bose.

3.
Nje gutur' Umwami Yesu, Nzany' iyi mibavu myiza : Byerekana yukw atwumva, iyo tumusenze hose.

4.
Nje gutur' Umwami Yesu, Nzany' ishangi rihumura : Byerekana yukw azapfa Mu cyimbo cy'abanyabyaha.

5.
Tuje kugushengerera :Ur' Umwami n'Umukiza. Akir' amaturo yacu, Mucunguzi, Nyirigira.

Visit us at indirimbo.com